

**Iyi ndangamanota n'iki?**

Iyi ndangamanota igaragaza incamake y'ukuntu umunyeshuri wawe yitwaye hagendewe ku masuzumabumenyi y'igihugu, isuzuma "Maine Through Year Assessment", n'uko ahuzwa n'ibipimo fatizo by'ishuri arimo.

**Maine Through Year Assessment ni iki?**

Maine Through Year Assessment ni isuzuma rituma umunyeshuri wanyu agira ibisubizo mu gihe gikwiye mu rwego rwo gupima ikigero cy'ubwenge bw'umunyeshuri wanyu mu bijyanye n'ibipimo fatizo rusange byashyizweho na leta bijyanye n'ibyo umwana akwiye kuba yarize kandi azi gukora.

**Kuki umwana wanjye ari gukora Maine Through Year Assessment?**

Amanota umunyeshuri abona mu Isuzuma rya Maine Through Year Assessment agaragaza igipimo cy'ibyo amaze kumenya n'uko ari kuja ku rundi rwego rw'imyigire. Abarezi bakoresha amanota y'umunyeshuri mu kugena imyigishirize, gushyiriraho abanyeshuri ubufasha, no gusangiza imiryango yabo amakuru ajyanye n'urwego bamaze kugeraho mu myigire n'icyiciro bagezeho.




Mu rwego rwo kumenya ibyo umunyeshuri wawe azi n'ibyo ashobora gukora bijyanye n'ibipimofatizo by'urwego rw'amasomo agezeho, amakuru yo kuri iyi ndangamanota agomba gukoreshwa akomatanyijwe n'ibindi, nk'amasuzumabumenyi y'ikigo n'imyigire yo mu ishuri.

**Ibyiciro by'ibyo amaze kumenya**


Munsi cyane y'igipimo fatizo bya Leta	Munsi y'igipimo fatizo cya Leta	Ku gipimo fatizo cya Leta	Hejuru y'igipimofatizo cya Leta
Muri iri suzuma, abanyeshuri bari kuri uru rwego bagaragaza kumva bicishirije ubumenyi n'ubushobozi bukenewe kur'iki gipimo fatizo, nk'uko bigaragazwa mu bipimo fatizo rusange byemewe na leta bijyanye n'ibyo umwana akwiye kuba yarize kandi azi gukora. Abanyeshuri bakeneye ubufasha buhoraho mu myigire kugira ngo bitegurire icyiciro gikurikiraho ndetse babe bitegura amasomo ya kaminuza n'umurimo bazakora.	Muri iri suzuma, abanyeshuri bari kuri uru rwego bagaragaza kumva by'igice ubumenyi n'ubushobozi bukenewe kuri iki kiciro, nk'uko bigaragazwa mu bipimo fatizo rusange byemewe na leta bijyanye n'ibyo umwana akwiye kuba yarize kandi azi gukora. Abanyeshuri bakeneye ubufasha bwisumbuyeho mu myigire kugira ngo bitegure icyiciro gikurikiraho ndetse babe bitegura amasomo ya kaminuza n'umurimo bazakora.	Muri iri suzumabumenyi, abanyeshuri bari kuri uru rwego bagaragaza ubumenyi n'ubushobozi bukenewe kuri iki cyiciro, nk'uko bigaragazwa mu bipimo fatizo rusange byemewe na leta by'ibyo umwana akwiye kuba yarize kandi azi neza gukora. Abanyeshuri biteguye icyiciro gikurikiraho ndetse biteguye amasomo ya kaminuza n'umurimo bazakora.	Muri iri suzumabumenyi, abanyeshuri bari kuri uru rwego bagaragaza ubumenyi n'ubushobozi byo ku rwego rwo hejuru bukenewe kuri iki kiciro, nk'uko bigaragazwa mu bipimofatizo rusange byemewe na leta bijyanye n'ibyo umwana akwiye kuba yarize kandi azi gukora. Abanyeshuri biteguye neza cyane icyiciro gikurikiraho ndetse biteguye cyane amasomo ya kaminuza n'umurimo bazakora.

**Imitsindire rusange y'umunyeshuri**



\*Niyongera gukora isuzuma mu buryo nk'ubwo, tuzaba twiteze ko amanota y'umunyeshuri aba ari mu kigero kigaragazwa na 

## Urwego rw'ibyo umunyeshuri wawe yagezeho mu gusoma



Igereranya ry'igipimo cy'impuzandengo y'amanota #Yasuzumwe

### Uyu munyeshuri

Impuzandengo y'amanota ku rwego rw'ikigo


Impuzandengo y'Amanota ku rwego rw'Akarere

Impuzandengo y'amanota ku rwego rwa Leta

## Amanota yabonye mu bijyanye no gusoma

Inyandiko y'ubuvanganzo	Inyandiko itanga amakuru	Inyunguramagambo
Abanyeshuri basoma inyandiko z'ubuvanganzo kugira ngo bagaragaze ibitekerezo-shingiro n'ibisobanuro birambuye, ibitekerezo nyamukuru, insanganyamatsiko, n'ibigize ubuvanganzo. Abanyeshuri nanone bazasesengura intego y'umwanditsi, imiterere y'inyandiko, igitekerezo-shingiro, n'inyandiko zifite imirongo migari/insanganyamatsiko zisa.	Umunyeshuri asoma inyandiko itanga amakuru yitonze kugira ngo agaragaze ibitekerezo-shingiro n'ibisobanuro birambuye, ibitekerezo nyamukuru, no kuvuga ibitekerezo nyamukuru mu buryo buvunaguye. Abanyeshuri nanone bazasesengura ndetse bagereranye uko inyandiko ziteye, igaragaza ritandukanye ry'ibitekerezo, n'ibimenyetso bifatika, n'intego y'umwanditsi na/cyangwa igitekerezo-shingiro.	Abanyeshuri bazibanda ku gukoresha umutima w'igitekerezo, imigereka y'ikigiriki n'ikiratini, n'imfashanyigisho hagamijwe kubona ibisobanuro by'amagambo, harimo inyunguramagambo rusange n'inyunguramagambo y'amagambo yihariye. Abanyeshuri bazasobanura imvugo zizimije, kumva isano riri hagati y'amagambo, no gutandukanya ibisobanuro bisanzwe by'ijambo n'ibisobanuro bizimije by'ijambo.
Amanota y'umunyeshuri	Amanota y'umunyeshuri	Amanota y'umunyeshuri

## Urwego rw'ibyo umunyeshuri wanyu yagezeho mu Mibare



Igereranya ry'igipimo cy'impuzandengo y'amanota #Yasuzumwe

### Uyu munyeshuri

Impuzandengo y'amanota ku rwego rw'ishuri

Impuzandengo ry'Amanota ku rwego rw'Akarere

Impuzandengo y'amanota ku rwego rwa Leta

## Amanota yabonye mu bijyanye n'imibare

Imitekerereze y'ibikorwa n'imibare y'inganyagaciro	Imibare no Kubara	Ibipimo n'Amakuru	Iyigamashusho
Abanyeshuri bakora ndetse bagasubiza ibibazo birimo uburyo bune bwo gukora imibare kandi bakubaka ubushobozi bujyanye no guhuza ibifitanye isano. Abanyeshuri nanone bunguka ubumenyi ku bipimo, ibikubo, n'imitererendanga y'ibikubo, ndetse n'isano iri hagati yo gukuba no kugabanya.	Abanyeshuri bagereranya agaciro k'imibare ndetse bashyiraho agaciro k'imibare yose n'imibare y'ibice. Abanyeshuri nanone bazakora imibare bakoresheje imibare yose, imigabane n'imibare y'ibice kugira ngo basubize ibibazo by'isi tubamo ndetse n'amahurizo y'imibare.	Abanyeshuri bakusanya ndetse bagasobanura amakuru. Abanyeshuri nanone basubiza ibibazo bikubiyemo ibipimo no guhindura ibipimo. Nyuma, abanyeshuri bumva ibijyanye n'ubuso, umuzenguruko, ubunini, n'inguni.	Abanyeshuri bashyira mu byiciro amashusho bagendeye ku miterere ndanga n'imyanya ndangacyerekezo kuri mpandeyinshi kugira ngo basubize ibibazo by'isi tubamo ndetse n'iby'imibare.
Amanota y'umunyeshuri	Amanota y'umunyeshuri	Amanota y'umunyeshuri	Amanota y'umunyeshuri

\*Niyongera gukora isuzuma mu buryo nk'ubwo, tuzaba twiteze ko amanota y'umunyeshuri aba ari mu kigero kigaragazwa na [.....]